



## **Imbazi<sup>1</sup> y'ihindura ly'itegeko-nshinga lya mbere lya Repubulika y' U-Rwanda.**

### **I. Intangiliro**

Muli kanama 2012, abasomyi b'Umusoto na DHR bagiye impaka ku magambo yali yavuzwe na Jean-de-Dieu Manishimwe muli iyi nteruro : « *Kayibanda nawe yali afite amakosa menshi alimo iron dakarere, ily'ingenzi likaba guhindura itegeko-nshinga agamije kugundira ubutegetsi* ». Mu kumusubiza kuli DHR, ku wa gatandatu taliki 04 kanama 2012, Lewopolidi Munyakazi, yanzuye agira ati : « *Kuli iyi ngingo, twali dukwiliye kongera kwitabaza ubuhamya bw'umusaza Tadeyo Bagaragaza. Mu gihe cyashize yaduhaye igisobanuro cy'ibyerekeye « guta no guteshwa umurongo » (hali havutse ilindi shyaka muli MDR). None no kuli ibi byo « guhindura itegeko-nshinga », byaba byiza adusobanuliye igitugu Kayibanda yamushyizeho (yali Perezida w'inteko ishingira amategeko) cyangwa se yashyize ku hadepite*

no kuli ibi byo « guhindura itegeko-nshinga », byaba byiza adusobanuliye igitugu Kayibanda yamushyizeho (yali Perezida w'inteko ishingira amategeko) cyangwa se yashyize ku hadepite bese (ku giti cyabo) kugira ngo abategeke kuhindura kandi batabishaka. Ubuhamya bwe bwaba ingirakamaro cyane.».

None, jyewe, Tadeyo Bagaragaza, nzinduwe no gutanga ubwo buhamya nsabwe, no kumenyesha abazasoma iyi nyandiko bese, ibyo nzi mw'ihindura ly'itegeko-nshinga lya mbere lya Repubulika y'U-Rwanda. Aliko lero byumvikane ko ntazinduwe no kwemeza cyangwa se kunyomoza ibyo kanaka yanditse: yanditse ibitekerezo bye kuli icyo kibazo, nanjye ngiyeye kwandika icyo mbiziho. Iryo tegeko-nshinga lya mbere lyahinduwe muri gicurasi, mu mwaka wa 1973. icyo gihe, nali «secrétaire régional wa MDR-PARMEHUTU» muri prefegitura ya Ruhengeli, bityo nkaba ndi umwe mu bali bagize « secrétariat national » na « congrès national » ya pariti y'abatanze umushinga wo guhindura itegeko-nshinga. Nali umwe mu ntumwa z'abaturage (député national mu nteko ishingira amategeko, ndetse ndi umwe mubayiyoboraga (nali président de l'Assemblée nationale, Ndwanaye Joseph ari vice-président, na Ndahayo Claver ari secrétaire député). Ngira ngo birumvikana ko, mu bakulikiranaye hafi ihindura ly'itegeko-nshinga lya mbere lya Repubulika y'U-Rwanda, nanjye mbalimo.

## II- Imbazi nyilizina

### A. Intandaro

Itageko-nshinga lyambere lya Repubulika y'U-Rwanda, nk'uko lyemejwe muri 1962, nilyo lyali likiyobora igihugu muri 1972<sup>2</sup>. Kandi lyateganyaga ko prezida wa Repubulika adashobora kurenza mandat eshatu (3) zikulikirana ayobora igihugu. Birumvikana neza ko icyo tegeko litemerera Gerigori Kayibanda kwiyamamaliza mandat ya kane : « *Le mandat du président de la République est de 4 ans. Il est rééligible. Il ne peut toutefois exercer quatre mandats successifs* ». Muri 1973, Gerigori Kayibanda yali amaze imyaka 12 ari prezida wa Repubulika, ari nawo mwaka yagombaga kurangizamo « mandat » ye ya gatatu.

<sup>1</sup> Imbazi signifie en français le récit d'un événement.

<sup>2</sup> Uwashaka kumenya bihagije ibyerekeye iki tegeko-nshinga yazasoma ibitabo bikulikira : « Mureme Kubwimana, Bonaventure, Manuel d'Histoire politique et sociale du Rwanda contemporain suivant le modèle Mgr Alexis Kagame, Tome 1 et Tome 2, l'Harmattan, Paris, 2012 ».



Kubera icyo mpamvu, « secrétaire exécutif national » wa parti MDR-PARMEHUTU, Bwana Mbarubukeye Athanase, yatumiye inama y'abasokereteri rejiyionali bese (10) b'ishyamba lya MDR-PARMEHUTU. Ayitumiramo na Bwana Nsanzimana Sylvestre, umuhanga mu by'amategeko (juriste), kugira ngo atugire inama mubyo twatumilijwe kwiga. Ubusanzwe, hali hataganijwe ko inama ya « secrétariat national » iyoborwa na prezida wa pariti, aliko icyo gihe, yo yayobowe na « secrétaire exécutif national », kubera ko yagombaga kwiga ibirebana na prezida wa pariti ku giti cye.

Amagambo « secrétaire exécutif national » yatubwiye atangiza inama, nayahina ntya :

*« Le mandat Gerigori Kayibanda ari umwaka ari prezida wa Repubulika ni icyo gatatu »*



Amagambo « secrétaire exécutif national » yatubwiye atangiza inama, nayahina ntya : « Iyi manda Gerigori Kayibanda agiye kurangiza ali prezida wa Repubulika ni iya gatatu. Ntashobora kwiyamamaliza iya 4, kuko itegeko-nshinga libimubuzi. Aliku ilyo tegeko lihinduwe (révision), ku bulyo ashobora kurenza « manda » eshatu, yashobora kwiyamamaliza iyi manda igiye kuza. Bitabaye ibyo, tugomba gutumiza hakili kare, « congrès national » ya pariti, kugira ngo itange umukandida mushya, wo kwiyamamaliza uwo mwanya. Ndibwira ko abawifuzi batabura, aliko ntacyatwemeza ko abo bawifuzi alibo abarwamashyaka bifuzi ko bayobora igihugu. N'abafite za ruswa zo gutanga kugirango batorwe, ntibabura, nk'uko nabifuzi kwisabira imyanya kanaka aramutse atorewe kuba prezida, batabura. Simvuzemo n'ibihugu by'amahanga bishobora kubyivangamo. Tuzi neza ko congrès ishobora kverekanisha amajwi menshi umuntu udasanzwe azwi neza nka Kayibanda ; udafite ubushobozi no gukunda Abaturarwanda nk'uko we tubimuziho. Ugasanga igihugu tugishubije mu kaga, ndetse no ku ngoma ya gihake. Muli make, muli iki gihe, kubona umukandida wo gusimbura Gerigori Kayibanda, kumwanya wa prezida wa Repubulika, kandi Kayibanda ahali, bitamunaniye, ni nko gushora ibyo wali utunze byose mu mukino wa tombola, uteganya kunguka ibya mirengi ! Ngira ngo mwese murumva ko umuti usigaye, ali umwe rukumbi : kuvugurura (réviser) itegeko-nshinga. Kandi byo birashoboka. Ilyo tegeko, ubwalyo, lifite ingingo ibiteganya (Art.107). Abadepite bo kulitora ni abali mu nteko inshinga amategeko muli iki gihe, kandi bose ni abaparimehutu. Ndetse bibaye na ngombwa kubaza abaturage bose, muli référendum, nta muturage numwe utifuzi ko ali prezida Kayibanda wakomeza kuyobora U-Rwanda n'abarutuye».

Uko mbyibuka, ilyo jambo lyahawe amashyi y'urufaya, aherekewe n'ibitwenge byinshi cyane by'ibyishimo. Twahise dutangira gusoma inyandiko y'itegeko-nshinga, dutoranyamo ibigomba guhinduka, kugira ngo lisigare lihuje n'uko twabyifuzaga.

## B. icyo prezida Gerigori Kayibanda yabitekerezagaho

Bwarakeye, prezida Gerigori Kayibanda, adusanga mu nama, dore ko hali na hafi y'iwe. Yahawe umwanya, atubwira igitekerezo cye, mu magambo nahina ntya : « Secrétaire exécutif national yambwiye icyo iyi nama mulimo igamije : gutegura inyandiko yatangwaho umushinga w'itegeko-nshinga lishya, lyo kuvugurura ilisanzweho. icy'ingenzi kigamijwe, akaba ali ukwemerera prezida wa Repubulika kuba kandida muli « manda » zikulikiranye, inshuro yifuzi zose ! Nabwiye « secrétaire exécutif » icyo mbitekerezaho, none namwe mugize « secrétariat national » ya parti, nje kubibabwira. Muzi ko hafi ya mwese, twafatanyije kurenganura abaturage bose b'U-Rwanda, turwanya ingoma ya cyami na gihake, dushaka kugeza igihugu cyacu n'abagituye kuli Repubulika na Demokarasi. Uko jye mbyiyumvamo, kurwanira « demokarasi » si ukurwanya ubutegetsi huli mu maboko y'umuntu umwe gusa cyangwa agatsiko k'abantu, ahubwo ni no kwilinda ubutegetsi bwa gitugu (dictature ou tyrannie), aho abaturage baba batagishoboye gutanga ubutegetsi nta gahato ; batagishoboye kugenzura uko bayoborwa ; kandi batagishoboye gukuraho uwo babuhaye batagombye kunyura mu nzira ya « révolution ». Kutagena umubare w'imyaka umutegetsi

w'igihugu atagomba kurenza yikulikiranije ni uburyo budakuka bwo kumuha inzira yo kunyuzamo « dictature ». Twavanyeho ubutegetsi bwa cyami, tubusimbura Repubulika na Demokarasi. Dukwiliye kwilinda guteganya icyanzu bwashobora kunyuramo bukagaruka ku ntebe bwirukanweho ! Kuli jye, umuprezida w'igihugu wifuzaga kwiyongeza za « manda », inshuro ashaka zose, simbona aho yaba ataniye n'umwami, n'ingoma ya cyami. Kandi mwibuke neza ko twandika mw'itegeko-nshinga, umubare ntarengwa w'inshuro za « manda », ni icyo gundira ly'ubutegetsi twakumiraga ! Ikindi ngomba kubabwira ni uko nzifata, ibyo mwifuzaga nimubigeraho. Itegeko-nshinga lizaba lyemejwe n'inteko ishingira amategeko, nzalisinya kandi nditangaze, kuko ari uko itegeko liliho libiteganyaga. Aliko rero uko mbizi, nta tegeko liliho, lintegeka kwiyamamaliza « manda » ya kane. Nizeye ko n'ibyo musigara mubitekerezaho ».

Prezida Kayibanda, amaze kudusezeraho, « secrétaire exécutif national » yahise atubwira ati: « Nizeye ko ibyo prezida wacu atubwiye, ntawe bishyize mu rujijo. Atubwiye igitekerezo cye, aliko nk'uko bisanzwe muri « démocratie », ntatubwiye gutekereza nkawe, byanze, bikunze. Turebe, uko tubibona, igifitiye inyungu igihugu cyacu n'abaturage bacyo. Ikindi kandi, uko tumuzi, no kwicisha bugufi kwe, si we wakwisabira guhama muri uliya mwanya : nyamara abenshi muri pariti ye babimusabye, ndibwira ko atabyanga » !

### **C. Uko Inteko ishingira amategeko yakiliye umushinga uhindura itegeko-nshinga.**

Uko mbyibuka, inyandiko y'umushinga w'itegeko-nshinga, nk'uko wateguwe na « secrétariat national » ya MDR, washyikilijwe Inteko ishingira amategeko, hakulikijwe uko ingingo ya 107 y'itegeko-nshinga lyaliho yabiteganyaga :

1. Biro y'Inteko ishingira amategeko yabanye kugenzura niba abadepite basinye inyandiko y'umushinga bageze kuri 2/3 by'abagize Inteko;
2. Inteko iteranye, ibanza kwiyemeza kuba "Inteko ishyiraho itegeko-nshinga" (assemblée constituante);
3. Barangije gusuzuma uwo mushinga, hafi ya bose (barenze 4/5 by'abagize Inteko bemeje ko icyo nyandiko ariyo igizwe itegeko-nshinga lishya, lisimbuye ilyali lisanzweho;
4. Prezida wa Repubulika, Nyakubahwa Gerigori Kayibanda, aralisinya kandi alitangaza kw'italiki ya 18 Gicurasi 1973.

Uko nabibonye, ntacyambuza kwemeza ko ihindura ly'itegeko-nshinga lya mbere, lyagenze neza, kandi lyanyuze mu nzira y'amategeko ! Taliki ya 05 nyakanga 1973 hali hateganijwe congrès za prerefegitura za parti PARMEHUTU zo kwemeza abagizwe « abakandida » b'icyo pariti, bo kwamamarizwa ubudepite, n'abakandida bo kwiyamamariza kuba prezida wa Repubulika. Nyuma yaho, muri nyakanga-kanama 1973, hali hateganijwe congrès national yagombaga kugena umukandida mushya wa MDR-PARMEHUTU kumwanya wa prezida wa Repubulika. Nyuma y'ibyo niho hagambaga kuba amatora ya prezida wa Repubulika. Aliko lero, ibyo byose byabulijwemo na kudeta yo kuwa 05 nyakanga 1973.

### **III. Umwanzuro**

Biragaragara ko muri icyi « Imbazi y'ihindura ly'itegeko-nshinga lya mbere lya Repubulika y'U-Rwanda », halimo ibisubizo ku bibazo Lewopolidi Munyakazi yabajije. Ngibi:





- 1) Nta gitugu prezida wa Repubulika, Bwana Kayibanda Gerigori, yashyize kuli prezida w'Inteko ishingira amategeko, Bwana Bagaragaza Tadeyo, amutegeka guhindura itegeko-nshinga lya mbere lya Repubulika y'U-Rwanda. Yali afite uburenganzira asangiye n'Inteko ishingira amategeko bwo kugeza mu nteko umushinga w'itegeko (« l'initiative de la révision de la Constitution appartient concurremment au président de la République et à l'Assemblée nationale). Uwa prezida wa Repubulika, uturuka mu nama y'abaminisitiri (conseil du gouvernement). Uw'Inteko ishingira amategeko, ugatangwa n'ababepite bageze kuri 2/3 nibura, by'abagize inteko. Uyu mushinga nakoreye « imbazi », ni uw'Inteko ishingira amategeko. Si uwa prezida wa Repubulika.
- 2) Prezida Kayibanda yari azi neza ko nali mu nama ya "secrétariat national" ya MDR, igihe abwira abayigize ko adashyigikiye na gato itegeko-nshinga ligamije kongera inshuro za mandat zikulikiranye, umukuru w'igihugu ashobora kwiyamamaliza. Ntibyakumvikana ko anshyiraho igitugu cyo kulishyigikira, kandi yibonera neza ko ibintu ubwabyo bilimo byikora. Perezida w'Inteko ishingira amategeko ayobora imilimo y'inteko aliko siwe Kamara. Inteko ishingira amategeko ishobora gutora umushinga adashyigikiye. Kimwe n'uko ishobora kwanga umushinga ashigikiye. Hakora itora kandi nawe agira ijwi limwe nka buli mudepite wese. Iyo itora libaye, icyemejwe na benshi nicyo cyitwa icyemezo cy'Inteko. Nawe ubwe bashobora kumukuraho, abakoreye ibyo badashaka. Nawe ubwe ashobora kwegura, ku bushake bwe, no ku mpamvu ze bwite.
- 3) Naho ku babepite bagize Inteko ishingira amategeko, nta mpamvu igaragara, yajya gutuma prezida Kayibanda abashyiraho igitugu cyo guhindura itegeko-nshinga, kandi abona ko abarenze 2/3 by'abagize inteko, bashyize umukono wabo kunyandiko bazatora ku bushake bwabo. Ni ibintu byaturutse mu barwanashyaka no mu babepite. Si ibintu byaturutse hejuru muli prezidanse ya Repubulika. Uko niko kuli nyakuli !

Muli make, ndemeza ko ihindura ly'itegeko-nshinga lya mbere, lya Repubulika y'U-Rwanda, lyashyizweho n'ubushake bwa benshi mu bagize Inteko ishingira amategeko, nta gitugu, bashyizweho. Byabaye ku bwende bwabo. Hagishijwe inama impuguke kandi byubahirije amategeko.

**Bikorewe i Senefu mu Bubiligi,  
Tariki ya 01/09/2013**

**Tadeyo Bagaragaza**



